



## ITANGAZO

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima buramenyesha abaturage bose ko hateganyijwe icyumweru cyahariwe ubuzima bw'umwana n'umubyeyi (MCH Week) guhera tariki ya **13/01/2025** kugeza tariki ya **17/01/2025**. Insanganyamatsiko y'uuyu mwaka iragira iti: **HEHE N'IGWINGIRA: Twite ku buzima bw'umubyeyi utwite, umwana, umwangavu, imirire n'isuku, dukingize abana inkingo zose**". Ibikorwa byo muri iki cyumweru bizabera ahateganyijwe muri buri Kagari, mu bigo by'amashuri byose no mu bigo nderabuzima. Hazatangwa serivisi zikurikira:

- 1) Gutanga Vitamini A ku bana bafite amezi 6 kugeza ku mezi 59
- 2) Gutanga ibinini by'inzoka ku bana bafite umwaka 1 kugeza ku myaka 15 ndetse n'abantu bakuru
- 3) Gukingira abana bacikanwe n'inkingo
- 4) Gusuzuma imirire mibi ihutiyeho ku bana bafite amezi 6 kugeza ku myaka 2
- 5) Gutanga ongera intungamubiri ku bana kuva ku mezi 6 kugeza ku mezi 23
- 6) Kuboneza urubyaro
- 7) Gutanga ubutumwa bugamije guteza imbere ubuzima no kwirinda indwara

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gicumbi burasaba abantu bose kuzitabira ibi bikorwa by'ingirakamaro.

Bikorewe i Gicumbi ku wa 11/01/2025

**NZABONIMPA Emmanuel**  
Umuyobozi w'Akarere ka Gicumbi